# INYANDIKO-MVUGO YA KOMISIYO TEKINIKI KU RWEGO RW'IGIHUGU.

Inama yabaye tariki ya 24/05/2000 muri MINALOC iyobowe na Bwana MUSONI Protais, Umunyamabanga Mukuru muri MINALOC.

Yatangiye ashimira abitabiriye inama, asaba umwanditsi w'inama gusomera abaje mu nama inyandiko-mvugo y'inama yo kuwa 17/05/2000. Hanyuma inyandiko-mvugo iremezwa.

Ingingo yizwe hari ukurebera hamwe ibyari byashinzwe Komiti yo gukurikirana ibikorwa bihoraho by'inkunga y'umutekano. (Nukuvuga gahunda basabye iyo Komiti n'uburyo bazakora kugira ngo basohoze inshingano zabo).

DeputeBIZIMANA Claude, ari nawe muyobozi wa Komiti, ageza ku bari mu nama uko gahunda y'ibikorwa iteye. Iyo gahunda yaremejwe ariko hamaze guhindukamo ibintu bimwe.

Hemejwe ko mu gusura ama Perefegitura, hakoreshwa imodoka ebyiri, abagize Komiti bakagabana ama Perefegitura. Aho gukoresha imodoka imwe nk'uko Komiti yari yabiteganyije. Kuko inama yasanze hakoreshejwe imodoka ebyiri, byatwara igihe gito mu kuzenguruka ama Perefegitura ndetse n'amafaranga yakoreshwa muri icyo gikorwa akagabanuka.

Imodoka zizakoreshwa imwe yatanzwe na MINALOC indi itangwa na MINITRACO. Major KARERA Denny atanga 100 litres (fuel). Ibindi bisigaye ni ukuvuga, amafaranga y'urugendo, mantainance y'imodoka, fuel yazo, bya shinzwe Bwana KAYITARE Grégoire wo muri MINADEF ko yabitanga.

Biro ya Komiti yo gukoreramo, hemejwe ko izaboneka kwa KABUGA.

Bwana BARIKANA Eugène, Umunyamabanga Mukuru muri MIJESPOC yemeye kuzatiza Komiti Computer. Telephone na Fax bazakoresha iza MINALOC. Secretary hazakoreshwa aba MINALOC.

Nyuma yaho Komiti yagejeje kuri Komisiyo situation ya makonti amwe yo muri P.V.K. basuye tariki ya 22/05/2000.

Depute BIZIMANA Claude yasuye B.C.D.I, BACAR na BANCOR, yasanze :

- B.C.D.I = 70.791.924 Frw.
- BACAR = 23.841.184 Frw.

Inama yasanze hari ikibazo muri BACAR kuko situation ya BACAR tariki ya 15/05/2000 yerekanaga ko hariho amafaranga 28.997.354 Frw. Ku ya 22/05/2000 igaragaza ko hariho 23.841.184 Frw.

**N.B :** Mu gihe amafaranga yakwiyongereye ahubwo yaragabanutse, basaba Bwana KAYITARE Grégoire kubikurikirana.

Bwana KAGISHA Félicien yashoboye gusura :

- B.C.R = 161.793.712 Frw.
- B.K = ntabwo yabibonye. Kuko bifuje uruhusa rutanzwe na Col. Ceazar KAYIZARE.

Ahandi ni B.N.R, atabashije kugera. AIP RUTAYISIRE Joseph yasuye Bank Populaire, Congebank, ntiyabashije kubona situation ya banki populaire bamusabaga uruhusa rwa Col. Ceazar. Congebank yahasanze = 15.047.731 Frw.

Inama yemeje ko Bwana KAYITARE Grégoire yasabira uruhusa iyo Komiti Col. Ceazar.

Inama yemeje ko Komiti izaba imaze kuzenguruka mu ma Perefegitura mu gihe cy'icyumweru kimwe, igatanga raporo kuri Komisiyo.

Komisiyo yemeje kuzongera guhura tariki ya 06/06/2000 saa mbiri muri MINALOC.

**N.B :** Madamu CYANZAYIRE Aloysia yatanze amafaranga 30.000 Frw yari yiyemeje gutanga muri Fundaraising y'inkunga y'umutekano.

**ABITABIRIYE INAMA :**

- Bwana MUSONI Protais.
- Bwana BARIKANA Eugène.
- Madamu Marie Claire MUKASINE.
- Madamu CYANZAYIRE Aloysia.
- Capitaine Tonny NTARINDWA.

- Depute BIZIMANA Claude.
- Bwana KAYITARE Grégoire.
- AIP RUTAYISIRE Joseph.
- Bwana KAGISHA Félicien.

**ABATARAJE MU NAMA :**

- Bwana MUTSINDASHYAKA Theonest : S.G MIFOTRA.
- Madamu Edith GASANA : S.G MINICOFIN.
- Bwana RUREMESHA Fidèle : Umuyobozi wa (L.K.V).
- Depute Rose KABUYE.
- Depute SEKOKO KISANGANI.

Inama yatangiye imirimo yayo saa mbiri n'igice iyirangiza saa ine n'igice.

**Umuyobozi w'inama :**

**Bwana MUSONI Protais.**

**Umwanditsi w'inama :**

**Bwana KAGISHA Félicien.**